# Bibiliya y'abana
irerekana

Isezerano
Imana yahaye
Aburahamu

yanditswe na: Edward Hughes

yashushanyijwe na: Byron Unger; Lazarus

yahujwe na: M. Maillot; Tammy S.

yahinduwe na: Yohani Batisita B.

yasohowe na: Bible for Children
www.M1914.org

©2013 Bible for Children, Inc.
Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi nkuru
igihe cyose utagamije kugurisha.

Nyuma y'Igihe kirekire umwuzure ubaye, abantu kw'isi bategura umugambi.

"tugiye kubaka umudugudu n'inzu y'amatafari ndende igere ku ijuru" baravuga. "Dukomeze tubane ibihe byose" bose bavugaga ururimi rumwe.

Imana yifuzaga ko abantu batura hose mu isi yaremye. Yakoze ikidasanzwe. Bidatinze abantu bavuga indimi nyinshi zinyuranye.
Imana ibaha kuvuga indimi nshya.

Abavugaga ururimi rumwe batangira kwivangura.
Batangira gutinyana kuko batumvikanaga mu mvugo.
ubwo nibwo buryo Imana yakoresheshe ibatatanirira
mu bihugu binyuranye.

Umudugudu bahagaritse kubaka wiswe babeli bisobanura ngo urujijo.

Nyuma y'imyaka myinshi, ahitwa Uri y'abakuludaya, Imana ivugana n'umugabo witwa Aburamu "Va muri iki Gihugu" Imana irategeka. "Genda mu gihugu nzakwereka".



Aburamu arumvira.  Imana imuyobora i Kanani.
Umugore we Sarayi n'umuhungu wabo Loti (muhungu wa Harani) baramukurikira.



Bageze i Kanani Loti na Buramu bagwijije ubutunzi. Bagize amashyo y'amatungo. Ntabwo bari bamenyereye ubworozi bw'amatungo menshi.

Abashumba ba Loti
n'ab'Aburamu baratongana.
Aburamu ati: ntibidutere
gutongana.  Ahubwo dutandukane.
Loti, Ni wowe uhitamo bwa mbere
aho ushaka gutura.

Loti ahitamo ikibaya kinini cy'ibyatsi bitoshye kirimo imigi n'imidugudu. Cyasaga neza. Aliko iyo midugudu yari mibi kubera ibyaha.

Loti amaze kugenda, Imana
yongera ibwira Aburamu iti:
Nguhaye igihugu cya Kanani,
Iki gihugu ni icyawe n'urubyaro
rwawe iteka ryose.

Aburamu na Sarayi nta rubyaro bari bafite. Ni gute Imana yabitse isezerano?

Abagabo batatu b'Imana
boherezwa kwa Aburamu na Sara.

Baravuga bati: "Mugiye kubyara umwana", Sara aratangara. Ntabwo yizeraga ubwo butumwa bw'Imana. Yari afite imyaka mirongo urwenda.

Imana ibwira Aburamu iti uhereye ubu uzitwa Aburahamu (umubyeyi w'icyubahiro) na Sarayi azitwa Sara umwamikazi.

Imana ibwira Aburahamu ko igiye gusenya imigi ya Sodomo na Gomora. Umwishwa wa Aburahamu yari atuye Sodomo n'umuryango we.

Loti yemera integuza y'Imana avayo aliko abagabo ba bakobwa be banga kuva Sodomo. Mbega ibikomeye! Ntabwo bizeraga ijambo ry'Imana.

Loti n'abakobwa be babiri nibo babonye umutekano. Umuriro w'amazuku utwika iyo midugudu yuzuye ubugome bw'Ibyaha.

Ikibabaje, umugore wa Loti ntabwo yumviye amabwiriza y'Imana maze areba inyuma ubwo yirukaga. ahinduka inkingi y'umunyu.

Imana yashoje
isezerano yahaye
Aburahamu
na Sara.
Babyaye
umwana
mu myaka
y'izabukuru
nkuko
Imana yari
yarabivuze.
Mbega
umunezero
bagize Isaka
amaze kuvuka !

Ahari na Aburahamu yatekerezaga ku masezerano y'Imana yo guhabwa igihugu cya Kanani we n'urubyaro rwe.

Imana igomba
gusoza iryo
sezerano.
Imana
iteka isoza
amasezerano.

Isezerano Imana yahaye Aburahamu

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

Itangiriro 11-21

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana umucyo."
Zaburi 119:130

Iherezo

Iyi nkuru itubwira iby'Imana yacu
nziza yaturemye kandi ishaka ko tuyimenya.

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, yita icyaha. Igihano cy'icyaha ni urupfu, ariko Imana iragukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo w'ikinege, Yesu, apfira ku musaraba maze ahanwa kubw'ibicumuro byawe. Hanyuma Yesu arazuka, ajya mu rugo mu ijuru! Niba wizera Yesu kandi ukamusaba imbabazi z'ibyaha byawe, azabikora! Azaza, abe muri wowe, kandi uzabana nawe ubuzira herezo.

Niba ushaka kuva mu byaha byawe, bwira Imana uti:
Ku nshuti yanjye Mana, Nizera ko Yesu ari jye yapfiriye kandi ko uyu munsi ari muzima. Ndakwinginze ngwino mu buzima bwanjye, mbabarira ibyaha byanjye, kugira ngo none aha mbashe kubona ubuzima bushya, kandi umunsi umwe nzaze kubana nawe ubuzira herezo. Mfasha kukumvira no kubaho ku bwawe nk'umwana wawe. Amina.

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana buri munsi! Yohani 3:16